<p>(h) imiterere y'inzeho z'ishami harimo komite ishinzwe gukemura amakimbirane igizwe nibura n'abantu batatu na komite ngenzuzi igizwe n'abantu batatu.</p> <p>Ingingo ya 7: Ibisabwa umunyamuryango wifuzaga guhagararira ishami</p> <p>Iyo umunyamuryango yifuzaga guhagararira ishami mu Karere cyangwa mu Mujyi wa Kigali, umuryango umusaba kuwushyikiriza ibi bikurikira:</p> <p>(a) kopi y'impamyabumenyi mu iyobokamana yo mu ishuri rikuru cyangwa kaminuza, iriho umukono wa Noteri. Iyo impamyabumenyi itari iyo mu bijyanye n'iyobokamana, umunyamuryango yongeraho icyemezo cy'uko yize nibura amasaha 1.200 mu masomo y'iyobokamana mu ishuri rikuru cyangwa muri kaminuza byemewe n'amategeko;</p> <p>(b) umwirondoro w'uhabarariye ishami ry'umuryango;</p>	<p>(h) the organizational structure of the branch, including a conflict resolution committee comprising at least three members and an audit committee comprising three members.</p> <p>Article 7: Requirements for a member of the organization to be a branch representative</p> <p>If a member of an organisation wishes to be a branch representative within a District or City of Kigali, the organization requests the member to submit the following:</p> <p>(a) a notarized copy of a degree in theology obtained from a recognized higher learning institution or university. If a degree is unrelated to theology, member provides a certificate proving the completion of at least 1,200 hours of religious studies from a recognized higher learning institution or university;</p> <p>(b) a personal profile of the branch representative;</p>	<p>(h) la structure organisationnelle de la branche, incluant un comité de résolution des conflits composé d'au moins trois membres et d'un comité d'audit composé de trois membres.</p> <p>Article 7: Exigences d'un membre d'une organisation pour être représentant d'une branche</p> <p>Lorsqu'un membre d'une organisation souhaite être représentant d'une branche dans le District ou dans la Ville de Kigali, l'organisation lui demande de fournir ce qui suit :</p> <p>(a) une copie notariée d'un diplôme en théologie obtenu auprès d'une institution d'enseignement supérieur ou d'une université reconnue. Lorsque le diplôme n'est pas lié à la théologie, le membre fournit un certificat attestant l'achèvement d'au moins 1.200 heures d'études religieuses dans une institution d'enseignement supérieur ou dans une université reconnue ;</p> <p>(b) un profil personnel du représentant de la branche ;</p>
---	---	---

<p>(c) icyemezo kigaragaza ko yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko;</p> <p>(d) inyandiko iriho umukono wa noteri igaragaza ko yemeye izo nshingano.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Igihe igisubizo cyo gushinga ishami gitangirwa</u></p> <p>Akarere bireba cyangwa Umujyi wa Kigali bitanga igisubizo mu nyandiko ku busabe bwo gushinga ishami ry'umuryango mu gihe kitarenze iminsi 90 ibarwa uherye igihe hujurijwe ibisabwa kakagera kopi Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere .</p> <p><u>Ingingo ya 9: Ibisabwa abandi bagize inzego z'imiyoberere z'umuryango</u></p> <p>Uretse uhagarariye umuryango imbere y'amategeko n'umwungirije, umunyamuryango uri mu bagize inzego z'imiyoberere z'umuryango agomba kuba –</p> <p>(a) afite nibura imyaka 21 y'amavuko;</p> <p>(b) ari inyangamugayo;</p> <p>(c) yarashyizweho hagendewe ku</p>	<p>(c) a criminal record certificate;</p> <p>(d) a notarized letter of commitment affirming his or her acceptance of the responsibilities of the role.</p> <p><u>Article 8: Time of issuance of a response for branch establishment</u></p> <p>The relevant District or the City of Kigali provides a written response to the request for the establishment of a branch within 90 days from the date on which all required documents were fulfilled, with a copy to the Rwanda Governance Board.</p> <p><u>Article 9: Requirements for other members of the governing bodies of an organization</u></p> <p>In addition to the legal representative and his or her deputy, another member of the governing bodies of an organization must–</p> <p>(a) be at least 21 years;</p> <p>(b) Be a person of Integrity;</p> <p>(c) be duly appointed in compliance</p>	<p>(c) un extrait du casier judiciaire ;</p> <p>(d) une lettre d'engagement notariée affirmant son consentement à remplir les responsabilités du rôle.</p> <p><u>Article 8 : Délai de réponse pour l'établissement d'une branche</u></p> <p>Le District concerné ou la Ville de Kigali fournit une réponse écrite à la demande d'établissement d'une branche dans un délai de 90 jours à compter de la date à laquelle tous les documents requis ont été remplis, avec une copie réservée à l'Office Rwandais de la Gouvernance.</p> <p><u>Article 9 : Exigences requises des autres membres des organes de gouvernance de l'organisation</u></p> <p>En plus du représentant légal et de son adjoint, un autre membre des organes de gouvernance de l'organisation doit –</p> <p>(a) avoir un âge minimum de 21 ans ;</p> <p>(b) être une personne intègre ;</p> <p>(c) être dûment nommé conformément</p>
--	--	--

<p>mategeko agenga umuryango;</p> <p>(d) atarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu kitarahanagurwa n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurabusembwa;</p> <p>(e) kandi atarahamwe n'icyaha cya jenocide, icy'ingengabitekerezo ya jenocide, icy'ivangura cyangwa icyo gukurura amacakubiri.</p> <p><u>Ingingo ya 10: Inshingano yo kumenya umuterankunga w'umuryango</u></p> <p>Umuryango ufite inshingano yo kumenya niba inkomoko y'inkunga y'umuterankunga wawo idaturuka cyangwa idafitanye isano n'ibikorwa binyuraniye n'amategeko.</p> <p><u>Ingingo ya 11: Gukorera mu mucyo no gutanga raporo ku mikoreshereze y'imari</u></p> <p>(1) Igenzura rya buri mwaka ry'umutungo w'umuryango rigomba gukorwa n'abahanga bemewe kandi babifitiye ububasha kugira ngo habeho umucyo mu mikoreshereze y'imari.</p>	<p>with the status of the organization;</p> <p>(d) not have been convicted of any criminal offense punishable by a sentence of six months or more, unless such conviction has been expunged through amnesty or rehabilitation; and</p> <p>(e) not have been convicted of crimes of genocide, genocide ideology, discrimination, divisionism or sectarianism.</p> <p><u>Article 10: Duty of identification of the donor of the organization</u></p> <p>An organization is required to identify whether the source of funding by its donor is not derived from or associated with any illegal activities.</p> <p><u>Article 11: Financial transparency and reporting</u></p> <p>(1) Annual financial audit of an organization is conducted by certified professionals to ensure transparency in financial operations.</p>	<p>au statut de l'organisation ;</p> <p>(d) ne pas avoir été condamné pour un crime passible d'une peine d'emprisonnement de six mois ou plus, sauf si cette condamnation a été effacée par une amnistie ou une réhabilitation ; et</p> <p>(e) ne pas avoir été condamné pour des crimes du génocide, de l'idéologie du génocide, de la discrimination, du divisionnisme ou du sectarisme.</p> <p><u>Article 10 : Devoir d'identification du donateur de l'organisation</u></p> <p>L'organisation est tenue de connaître si la source du financement par son donateur ne provient pas ou n'est pas lié à aucune activité illégale.</p> <p><u>Article 11 : Transparence financière et soumission du rapport financier</u></p> <p>(1) L'audit financier annuel d'une organisation est conduit par des professionnels certifiés, garantissant la transparence dans les transactions financières.</p>
---	---	---

<p>(2) Umuryango utanga raporo yerekeranye n'inkunga wakira igihe cyose irenze umubare wagenwe hashingiwe ku itegeko ryerekeye gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi.</p> <p>(3) Ibikorwa by'imari by'umuryango byose bikorwa binyujijwe muri banki cyangwa mu bindi bigo by'imari byemewe mu Rwanda.</p>	<p>(2) An organization must report donations exceeding thresholds specified by law on the prevention and punishment of money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction.</p> <p>(3) All financial transactions of the organization are conducted through banks or other financial institutions accredited in Rwanda.</p>	<p>(2) L'organisation doit signaler les dons qui dépassent les seuils prévus par la loi portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive.</p> <p>(3) Toutes les activités financières de l'organisation sont effectuées par le biais de banques ou d'autres institutions financières agréées au Rwanda.</p>
<p><u>UMUTWE WA III: IBISABWA UMURYANGO MU KURWANYA ICYAHA CY'IYEZANDONKE, GUTERA INKUNGA ITERABWOBA NO GUTERA INKUNGA IKWIRAKWIZWA RY'INTWARO ZA KIRIMBUZI</u></p>	<p><u>CHAPTER III: REQUIREMENTS FOR AN ORGANIZATION TO FIGHT AGAINST THE CRIME OF MONEY LAUNDERING, TERRORIST FINANCING AND PROLIFERATION OF WEAPONS OF MASS DESTRUCTION</u></p>	<p><u>CHAPITRE III : EXIGENCES POUR L'ORGANISATION DE LUTTER CONTRE LE CRIME DE BLANCHIMENT D'ARGENT, LE FINANCEMENT DU TERRORISME ET LA PROLIFÉRATION DES ARMES DE DESTRUCTION MASSIVE</u></p>
<p><u>Ingingo ya 12: Isuzumangaruka</u></p> <p>Umuryango ukora isuzumangaruka harebwa ahashobora kwibasirwa n'ibikorwa by'ubuhezanguni, iby'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwizwa ry'intwaro za kirimbuzi.</p>	<p><u>Article 12: Impact assessment</u></p> <p>An organization conducts an impact assessment to identify areas potentially vulnerable to extremist activities, support for terrorism, or the proliferation of weapons of mass destruction. The impact assessment includes –</p>	<p><u>Article 12 : Étude d'impact</u></p> <p>Une organisation fait une étude d'impact pour identifier les domaines qui pourraient être affectés par des activités extrémistes, le soutien au terrorisme ou la prolifération des armes de destruction massive. Cette étude d'impact comprend –</p>

<p>Iryo suzumangaruka rikubiyemo –</p> <p>(a) gusuzuma ibijyanye n’ibikorwa umuryango ukora;</p> <p>(b) amakuru yerekeye umuterankunga;</p> <p>(c) n’aho bakorera ibikorwa byabo.</p>	<p>(a) a review of the organization activities;</p> <p>(b) donor profile; and</p> <p>(c) service areas.</p>	<p>(a) l’évaluation des activités de l’organisation;</p> <p>(b) le profil du donateur ; et</p> <p>(c) les domaines de service.</p>
<p><u>Ingingo ya 13: Igenzura ku ihererekanywa ry’amafaranga ashobora guteza ingaruka ikomeye</u></p> <p>Umuryango ugomba gushyiraho uburyo bwo gutahura no kumenyekanisha ihererekanya ry’amafaranga rigaragara ko ridasanze cyangwa ryateza ingaruka zikomeye rikubiyemo –</p> <p>(a) amafaranga aturuka ahatazwi cyangwa afite ingaruka zikomeye ashobora guteza;</p> <p>(b) ubwishyu bwoherezwa cyangwa bukomoka mu bice bitizewe.</p>	<p><u>Article 13: Monitoring of high-risk transactions</u></p> <p>An organization must have systems to flag and report transactions that appear unusual or high-risk including –</p> <p>(a) funds from anonymous or high-risk sources;</p> <p>(b) payments to or from high-risk regions.</p>	<p><u>Article 13 : Contrôle des transactions à haut risque</u></p> <p>L’organisation doit disposer de systèmes permettant de repérer et de signaler les transactions qui semblent inhabituelles ou à haut risque comprenant –</p> <p>(a) les fonds provenant de sources anonymes ou à haut risque ;</p> <p>(b) les paiements provenant ou à destination des régions à haut risque.</p>
<p><u>Ingingo ya 14: Imiyoborere n’ubugenzuzi</u></p> <p>Umuryango ushyiraho uburyo bwo kwigenzura bukubiyemo –</p>	<p><u>Article 14: Governance and oversight</u></p> <p>An organization establishes internal controls including –</p>	<p><u>Article 14 : Gouvernance et supervision</u></p> <p>Une organisation met en place des contrôles internes comprenant –</p>

<p>(a) politiki n’imiyoborere igaragarira buri wese mu gucunga imari;</p> <p>(b) gutandukanya inshingano;</p> <p>(c) no gushyiraho umukozi ushinzwe igenzura ry’ishyirwa mu bikorwa mu bijyanye no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwizwa ry’intwaro za kirimbuzi.</p>	<p>(a) clear financial management policies;</p> <p>(b) separation of duties; and</p> <p>(c) appointment of compliance officer responsible for monitoring money laundering, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction.</p>	<p>(a) des politiques de gestion financière claires ;</p> <p>(b) la séparation des tâches ; et</p> <p>(c) la nomination d’un responsable de la conformité chargé de contrôler le respect des règles en matière de lutte contre le blanchiment d’argent et le financement du terrorisme et de la prolifération des armes de destruction massive.</p>
<p><u>Ingingo ya 15: Gutanga raporo ku bikorwa by’imari bicyemangwa</u></p> <p>Umuryango woherereza Urwego rw’Igihugu rw’Imiyoborere, raporo y’ibikorwa by’imari bicyemangwa mu masaha 24 ubimenye. Ibyo bikorwa harimo inkunga iva ahantu hatizewe, cyangwa ihererekanya ry’imari ririmo iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwizwa ry’intwaro za kirimbuzi.</p>	<p><u>Article 15: Reporting financial suspicious activities</u></p> <p>An organization submits to Rwanda Governance Board, a report on suspicious financial activities within 24 hours of being aware of. These suspicious activities include financing from untrusted sources, or financial transfers involving money laundering, financing terrorism or financing the proliferation of weapons of mass destruction.</p>	<p><u>Article 15: Rapport sur les activités financières suspectes</u></p> <p>L’organisation soumet à l’Office Rwandais de la Gouvernance un rapport sur les activités financières dans 24 heures suivant la prise de connaissance. Ces activités comprennent le financement provenant de sources non fiables, ou les transferts financiers impliquant le blanchiment d’argent, le financement du terrorisme ou le financement de la prolifération des armes de destruction massive.</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Gukumira ihererekanya ry’amafaranga mu ntoki</u></p> <p>(1) Umuryango ushyiraho ingamba zikumira ihererekanya ry’amafaranga y’inkunga mu ntoki,</p>	<p><u>Article 16: Restrictions on cash transactions</u></p> <p>(1) An organization puts in place measures to minimize cash donations by encouraging its donors to use</p>	<p><u>Article 16: Restrictions sur les transactions en espèces</u></p> <p>(1) L’organisation met en place des mesures pour prévenir le transfert d’argent en espèces provenant de</p>

<p>ahubwo ugashishikariza abaterankunga bawo gukoresha banki n'ibigo by'imari byemewe n'amategeko. Ibi bireba kandi amafaranga ashobora guhabwa abantu cyangwa amatsinda mato ashamikiye ku muryango.</p> <p>(2) Umuryango, ku byerekeranye n'amafaranga yakusanyijwe mu biterane cyangwa mu yindi mihango yimyemerere, ubikorera inyangiko ukanatanga raporo mu gihe hakusanyijwe amafaranga arenga ateganywa n'amabwiriza ku bihano mu by'imari birebana n'iterabwoba, gutera inkunga iterabwoba, n'ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuze.</p> <p><u>Ingingo ya 17: Igenzura ryigenga</u></p> <p>Urwego rubishinzwe rushobora gukora isuzuma ryigenga no kugenzura ko ibikorwa bikwiye rubanje kubimenyesha cyangwa kutabimenyesha umuryango, kugira ngo harebwe niba wubahiriza ikurikirana ry'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuze.</p>	<p>legally recognized banks and financial institutions. This also applies to funds that may be given to individuals or small groups affiliated with the organization.</p> <p>(2) An organization, for cash collected during events or other religious ceremonies, documents and reports cash movements exceeding specific thresholds provided in Regulations on targeted financial sanctions related to terrorism, terrorist financing, and proliferation of weapons of mass destruction.</p> <p><u>Article 17: Independent review</u></p> <p>The relevant authority can conduct an independent review and compliance check with or without prior notice to the organization, to ensure the organization adheres to monitoring money laundering, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction.</p>	<p>dons et encourage ses donateurs à utiliser des banques et des institutions financières légalement reconnues. Cela s'applique également aux fonds qui peuvent être attribués à des individus ou à de petits groupes affiliés à l'organisation.</p> <p>(2) Une organisation, en ce qui concerne l'argent liquide collecté lors d'événements ou autres cérémonies religieuses, documente et signale les mouvements d'argent liquide excédant le montant prévu dans le règlement sur les sanctions financières ciblées relatives au terrorisme, au financement du terrorisme et à la prolifération des armes de destruction massive et son financement.</p> <p><u>Article 17 : Évaluation indépendante</u></p> <p>L'autorité compétente peut procéder à une évaluation indépendante et à un contrôle de conformité, avec ou sans préavis à l'organisation, afin de garantir que l'organisation respecte les exigences en matière de surveillance du blanchiment d'argent, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive.</p>
--	--	--

<p>UMUTWE WA IV: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI</p>	<p>CHAPTER IV: ADMINISTRATIVE FAULTS AND SANCTIONS</p>	<p>CHAPITRE IV: FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES</p>
<p><u>Ingingo ya 18:</u> Kugaba ishami nta burenganzira</p> <p>Umuryango wagabye ishami utabihereye uburenganzira n'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali, uba ukoze ikosa kandi uhanishwa igihano cyo guhagarika iryo shami hamwe n'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsiya FRW 5.000.000.</p>	<p><u>Article 18:</u> Establishment of a branch without authorization</p> <p>An organization that establishes a branch without authorization from the District or the City of Kigali commits a fault and is sanctioned by the closure of the branch and is liable to an administrative fine of FRW 5,000,000.</p>	<p><u>Article 18:</u> Établissement d'une branche sans autorisation</p> <p>Une organisation qui établit une branche sans autorisation du District ou de la Ville de Kigali commet une faute et passible d'une sanction de fermeture de la branche et une amende administrative de 5.000.000 FRW.</p>
<p><u>Ingingo ya 19:</u> Kutishyura ihazabu mu gihe cyagenwe</p> <p>Umuryango utishyuye ihazabu mu gihe cyagenwe uba ukoze ikosa kandi uhanishwa guhagarikwa by'agateganyo kugeza igihe wishyuriye ihazabu waciwe hiyongereyeho igihano cy'ubukererwe kingana na 10% buri kwezi k'ubukererwe.</p>	<p><u>Article 19:</u> Failure to pay the fine within the specified time</p> <p>An organization that fails to pay the fine within the specified time commits a fault and is temporarily suspended until the fine is paid, plus a monthly late penalty of 10% each month of late payment.</p>	<p><u>Article 19:</u> Défaut de paiement de l'amende dans le délai prévu</p> <p>Une organisation qui ne paie pas l'amende dans le délai prévu commet une faute et est suspendue temporairement jusqu'à ce que l'amende est payée, plus une pénalité de retard mensuelle de 10% chaque mois de retard.</p>
<p><u>Ingingo ya 20:</u> Guhagararira umuryango urenze umwe imbere y'amategeko</p> <p>Umunyamuryango uhagararira umuryango urenze umwe imbere y'amategeko aba akoze ikosa kandi ahanishwa kwamburwa uburenganzira bwo guhagararira iyo miryango.</p>	<p><u>Article 20:</u> Legal representation of more than one organization</p> <p>A member of an organization who legally represents more than one organization commits a fault and is subject to the loss of the right to represent those organizations.</p>	<p><u>Article 20 :</u> Représentation légale de plus d'une organisation</p> <p>Un membre de l'organisation qui représente légalement plus d'une organisation commet une faute et est passible d'être privée du droit de représenter ces organisations.</p>

<p><u>Ingingo ya 21:</u> Urwego rushinzwe gutanga ibihano n’imyishyurire y’ihazabu</p> <p>Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali ni byo bitanga ibihano byo mu rwego rw’ubutegetsi kandi amafaranga y’ihazabu biciye umuryango wakoze ikosa yishyurwa mu isanduku ya Leta mu gihe kitarenze ukwezi kumwe kubarwa uherye igihe igihano cyatangawe.</p>	<p><u>Article 21:</u> Organ in charge of imposing sanctions and payment of fine</p> <p>The District or the City of Kigali is in charge of administrative sanctions and the fine imposed to the organization that committed a fault is payable to the National Treasury within one month from the date of the sanction.</p>	<p><u>Article 21 :</u> Organe chargé d’infliger des sanctions et le paiement d’amende</p> <p>Le District ou la Ville de Kigali est chargé des sanctions administratives et l’amende infligée à l’organisation ayant commis une faute est payable au Trésor Public dans un délai d’un mois à compter de la date de la sanction.</p>
<p><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE, IZ’INZIBACYUHO N’IZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER V: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE V : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u> Igenzura ry’iyubahirizwa ry’amategeko</p> <p>Urwego rubishinzwe, rubanje kubimenyesha cyangwa rutabanje kubimenyesha umuryango, rushobora gukora igenzura ryigenga kugira ngo rumenye niba umuryango wubahiriza amategeko.</p>	<p><u>Article 22:</u> Independent compliance assessment</p> <p>The relevant authority reserves the right to conduct an independent assessment, with or without prior notice to the organization, to ensure compliance with applicable laws and regulations.</p>	<p><u>Article 22 :</u> Évaluation indépendante de la conformité</p> <p>L’autorité compétente se réserve le droit de mener une évaluation indépendante, avec ou sans préavis à l’organisation, pour s’assurer du respect des lois et des réglementations applicables.</p>
<p><u>Ingingo ya 23:</u> Ingingo y’ururimi</p> <p>Aya mabwiriza yateguwe mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p>	<p><u>Article 23:</u> Language provision</p> <p>These regulations were drafted in Ikinyarwanda.</p>	<p><u>Article 23 :</u> Disposition linguistique</p> <p>Le présent règlement a été rédigé en Ikinyarwanda.</p>

<p><u>Ingingo ya 24: Ingingo ivanaho</u></p> <p>Amabwiriza n° 001/2019 yo ku wa 08/03/2019 agenga imiryango ishingiyeye ku myemerere avanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 25: Igihe cyo guhuza n'aya mabwiriza</u></p> <p>Umuryango usanzwe ukora, uhuza ibikorwa byawo n'ibiteganywa n'aya mabwiriza mu gihe kitarenze amezi 12 uhereye ku munsu aya mabwiriza atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 26: Gutangira gukurikizwa</u></p> <p>Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 24: Repealing provision</u></p> <p>Regulations n° 001/2019 of 08/03/2019 relating to the establishment of faith-based organizations are repealed.</p> <p><u>Article 25: Period for compliance with these Regulations</u></p> <p>An organization that is already functioning is required to comply with these Regulations within a period of 12 months from the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> <p><u>Article 26: Entry into force</u></p> <p>These Regulations come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 24 : Disposition abrogatoire</u></p> <p>Les règlements n° 001/2019 du 08/03/2019 régissant les organisations fondées sur la foi sont abrogés.</p> <p><u>Article 25 : Période d'harmonisation avec le présent règlement</u></p> <p>Une organisation déjà en activités est tenue de se conformer au présent règlement endéans 12 mois à compter de la date de publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p> <p><u>Article 26 : Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent règlement entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	--	--

Kigali, 06/03/2025

(sé)

Dr PICARD UWICYEZA Doris
Umukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere
Chief Executive Officer of Rwanda Governance Board
Directrice Générale de l'Office Rwandais de la Gouvernance

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux